REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°16/2018: **Taliki ya 1–10 Kamena 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Kamena 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu 01-10_ Kamena_2018; cyagaragaje imvura yabaye nkeya mu gihugu uretse mu gihugu hagati, mu majyaruguru, mu majyaruguru y'Uburengerazuba ndetse no mu majyaruguru y'Uburasirazuba habonetse imvura nyinshi isumbye iyari isanzwe ihaboneka muri iyo minsi
- **Ububobere bw'ubutaka** bwaragabanutse kubera ibihe twagiyemo by'Impeshyi tuva mu bihe by'Itumba
- **Ukwezi kwa Kamena 2018;** hateganyijwe ibihe by'izuba mu gihugu hose

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 01-10_ Kamena_2018; cyagaragaje imvura yabaye nkeya mu gihugu uretse mu gihugu hagati, mu majyaruguru, mu majyaruguru y'Uburengerazuba ndetse no mu majyaruguru y'Uburasirazuba habonetse imvura nyinshi isumbye iyari isanzwe ihaboneka muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 1-10_Kamena_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Kamena_2018	01-10_Kamena
Kigali	38.3	11.2
Rusizi (Kamembe)	2.9	16.2
Rubavu (Gisenyi)	190.2	18.5
Nyamagabe (Gikongoro)	20.4	11.8
Ngoma (Kibungo)	11.6	11.0
Gicumbi (Byumba)	36.8	8.9
Busogo	13.7	31.7
Bugarama	0.0	10.1
Musanze (Ruhengeri)	49.0	22.9
Gitega	88.2	4.9
Rubengera	0.7	21.2
Byimana	0.0	14.9
Kawangire	0.0	5.4
Nyagatare	33.3	2.6

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 1-10_Kamena_2018 ndetse imvura isanzwe igwa muri iyo minsi; naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31_Gicurasi_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 1-10_Kamena_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-10_Kamena



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): 21-31_Gicurasi_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Gicurasi



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu 1-10_Kamena_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu gice cya mbere cya Kamena_2018cyagaragaje imvura yabaye nkeya mu gihugu uretse mu gihugu hagati, mu majyaruguru, mu majyaruguru y'Uburengerazuba ndetse no mu majyaruguru y'Uburasirazuba habonetse imvura nyinshi isumbye iyari isanzwe ihaboneka muri iyo minsi (reba **Ikarita1&2** n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 21-31_Gicurasi_2018; cyagaragaje imvura iruta iyari isanzwe igwa kuri buri bupimiro (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Gicurasi 2018 igice cya gatatu

Ikarita7: Kamena 2018 igice cya mbere

Kuva 21_Gicurasi_2018 kugeza 10_Kamena_2018; habonetse igabanuka ku bubobere bw'ubutaka; kubera ibihe by'izuba twinjiyemo n'ingufu izuba riba rigeza ku Isi muri iki gihembwe (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Kamena_2018

Hateganijwe ibihe by'ikirere kizarangwa n'izuba; nta mvura iteganijwe

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi icumi ya mbere ya Kamena_2018



N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)